# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

MUTARAMA 2025

## ABASENATERI BASUYE AMAVURIRO Y'IBANZE MU RWEGO RWO KUREBA UKO YAKIRA ABAYAGANA



SOMA PAJI YA 2- 3

SOMA PAJI YA 15

## AKARERE KAKIRIYE ABADEPITE BAJE GUSURA IBIKORWA BITEZA IMBERE ABATURAGE



SOMA PAJI YA 8

## MUGANO- GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU KAGARI KA YONDE






SOMA PAJI YA 13

## MU KARERE HATANGIJWE AMARUSHANWA "UMURENGE KAGAME CUP"

# ABASENATERI BASUYE AMAVURIRO Y'IBANZE MU RWEGO RWO KUREBA UKO YAKIRA ABAYAGANA




***Abasenateri basuye amavuriro y'ibanze***

Ku wa 23 Mutarama 2025, itsinda ry'Abasenateri ryari rigizwe na Honorable MURANGWA NDANGIZA Hadija na Honorable CYITATIRE Sosthène ryasuye Akarere mu rwego rwo kureba uko amavuriro y'ibanze aha serivisi abayagana n'uko imbogamizi zihari zavanwaho.

Baherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI na bamwe mu bagize inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, basuye ivuriro ry'ibanze rya Mujuga riherereye mu Murenge wa Kitabi n'irya SUBUKINIRO riherereye mu Murenge wa Uwinkingi.




***Abasenateri ku ivuriro ry'ibanze rya Mujuga/Kitabi***

Ku ivuriro ry'ibanze rya Mujuga, bagiranye ibiganiro n'abajyanama b'ubuzima ku bijyanye n'uko bafasha abaturage kubona serivisi z'ubuzima.

Ku ivuriro ry'ibanze rya Subukiniro, bagiranye ibiganiro n'abaturage byibanze ku kubasobanurira gahunda za Leta zitandukanye.

Abaturage b'Umurenge wa Uwinkingi bavuze ko bishimira serivisi bahabwa ku mavuriro y'ibanze ariko basaba ko zongerwa ndetse n'umubare w'abaganga ukiyongera.

Honorable CYITATIRE Sostène yababwiye ko Leta yihaye gahunda yo kongera serivisi zitangirwa mu mavuriro y'ibanze ndetse n'umubare w'abaganga bazikoramo ukiyongera.



***Abasenateri baganiriye n'abaturage ba UWINKINGI***

Muri iyi gahunda, amwe mu mavuriro y'ibanze ari kwagurwa harimo n'irya Subukiniro ndetse hakaba harasubijweho amasomo y'ubuforomo n'ububyaza mu mashuri yisumbuye.

Ku wa 24 Mutarama, iri tsinda ry'Abasenateri ryakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Ubuyobozi bw'Ibitaro by'Akarere (byombi), Abayobozi b'Ibigo Nderabuzima byose n'abandi batandukanye bakora mu rwego rw'ubuzima.

Bagaragaje uko basanze aya mavuriro yita ku bayagana, ibibazo bihari n'uburyo byashakirwa ibisubizo.

Kuva ku itariki 21 kugeza ku wa 30 Mutarama 2025, Abasenateri bose basuye abaturage bo mu Turere twose n'Umujyi wa Kigali mu rwego rwo kureba ibikorwa mu guteza imbere amavuriro y'ibanze abegereye (Poste de Santé) no gusesengura ibibazo biyagaragaramo.

Iki gikorwa kandi cyari kigamije kureba uruhare rw'inzego za Leta, abaturage n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere ayo mavuriro, kureba imbogamizi zigaragara mu kuyateza imbere n'ingamba ziteganyijwe mu kuzikemura.



***Visi Meya HABIMANA yakiriye Abasenateri basoje igikorwa cyo gusura amavuriro y'ibanze***



***Abaturage bishimira serivisi bahabwa ku mavuriro y'ibanze***



***Ivuriro ry'ibanze rya Subukiniro rigiye kwagura serivisi***

## GASAKA- ABANA BO MU MIRYANGO ITISHOBOYE IRIMO N'IYO MU NKAMBI Y'IMPUNZI YA KIGEME BAHAWE NOHERI N'UBUNANI



***Abana bo muri Gasaka basangiye Noheli n'ubunani***

Ku wa 04 Mutarama 2025, mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Gasaka, habereye ibirori byo kwifuriza Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2025, abana baturuka mu miryango itandukanye yo mu Murenge wa Gasaka irimo itishoboye; iyo mu nkambi y'impunzi ya Kigeme n'ahandi.

Ibirori byitabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere.



***Visi Meya UWAMARIYA n'abandi bayobozi batandukanye bakata umutsima***

Visi Meya UWAMARIYA yavuze ko gusangira n'abana ari ugukomeza gusigasira uburenganzira bwabo.

Yaragize ati: "Mu izina ry'ubuyobozi bw'Akarere, mbifurije Noheri nziza n'umwaka mushya muhire wa 2025. Gusangira namwe biratunezeza cyane".

"Gusangira namwe bigamije gukomeza kubitaho no gusigasira uburenganzira bwanyu burimo kubarinda guta ishuri, kubarinda kujya mu mihanda no kubarinda ihohohoterwa iryo ari ryo ryose ryabakorerwa."

Yasoje asaba ababyeyi bari bitabiriye ibi birori, kubahiriza inshingano zabo zirimo gutanga uburere bukwiye.

Nyuma yo gusabana n'abayobozi, abana bahawe ibikoresho by'ishuri.

Abana bo mu miryango yifashije kandi bahaye impano abana bo ku mihanda, abafite ubumuga n'abandi bafite ibibazo by'imibereho hagamijwe kubereka urukundo no kubafasha gukomeza kugira icyizere cyo kubaho.



***Abana bahanye impano***

## MU KARERE HABEREYE IBIGANIRO BIGAMIJE KWIMAKAZA UBUMWE N'UBUDAHERANWA BY'ABANYARWANDA



***Ibiganiro ku bumwe n'ubudaheranwa byitabiriwe n'abayobozi batandukanye***

Ku wa 07 Mutarama 2025, mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Gasaka habereye ibiganiro bigamije kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda byateguwe na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE).

Mu rwego rwo kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa, Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), yateguye ibiganiro bihuza inzego z'ibanze n'abahagarariye imiryango irengera inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi hagamijwe gusuzuma ibibazo byihariye Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bahura na byo n'ingamba zo kubikemura.

Atangiza ibi biganiro, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko mu rwego rwo kurushaho kuzamura imibereho y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bo mu Karere, hateganyijwe igikorwa cyo kubasura aho batuye, hakarebwa ibibazo byihariye bafite n'uburyo byakemurwa.

Muri ibi biganiro, Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yari ihagarariwe na Honorable Marie Alice Kayumba Uwera, Umuyobozi ushinzwe Ubumwe n'Ubudaheranwa muri iyi Minisiteri.

Ibi biganiro byitabiriwe kandi n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA na bamwe mu bagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere.

Guhera mu 1998, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu gufasha abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ibinyujije mu Kigega FARG.

Inkunga zatanzwe zibanze cyane cyane mu burezi, mu buvuzi, mu mishanga ibyara inyungu, mu macumbi n'inkunga y'ingoboka. Izi gahunda zose zafashije Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi kugarura icyizere.



***Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko hagiye kubaho gahunda yihariye yo gusesengura ibibazo by'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bo mu Karere***

## URWEGO RW'UMUVUNYI RWAKEMUYE IBIBAZO BY'ABATURAGE RUBASANZE AHO BATUYE



***Umuvunyi Wungirije Honorable MUKAMA akemura ibibazo by'Abaturage***

Ku wa 08 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa, Honorable MUKAMA Abbas hamwe na Bwana RUMAZIMINSI Séraphin, Umuyobozi wa Diviziyo Ishinzwe Kurwanya Akarengane mu Urwego rw'Umuvunyi bafatanyije gukemura ikibazo cy'amakimbirane ashingiye ku butaka cyari kiri hagati y'umuryango wa BIRASA Léonard uhagarariwe na Rutsindura Bertin n'uwa MUNYANDINDA Tharcisse uhagarariwe na MUNGANYINKA Julienne.

Ubu butaka buherereye mu Mudugudu wa Nyarwungo, Akagari ka Murambi, mu Murenge wa Kaduha bwahoze ari ubw'umuryango wa BIRASA Léonard wahunze mu mwaka w'1959 buza gutuzwamo uwa MUNYANDINDA Tharcisse. Nyuma y'uko uyu muryango uhungutse, mu mwaka wa 2005 ubu butaka bwarasaranganyijwe ariko umuryango wa Munyandinda Tharcisse ntiwanyurwa nubwo n'Urukiko rwemeje iby'iri saranganya.

Ibi byatumye winangira wanga kuva muri ubu butaka.

Nyuma yo kuganiriza impande zombi, umuryango wa Munyandinda Tharcisse wemeye gutanga ubu butaka, uwa BIRASA Léonard nawo wemera kuwurekera igice cyubatsemo inzu gifite ubuso bugera kuri meterokare 2000, unawusonera indishyi z'akababaro waciwe n'Urukiko zingana n'ibihumbi 600 by'amafaranga y' u Rwanda.



***Abayobozi batembera ubutaka bwari mu makimbirane***

Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa, Bwana MUKAMA Abbas yashimiye Rutsindura Bertin wemeye ko umuryango we wigomwa bimwe mu byo watsindiye mu Rukiko.



***Honorable MUKAMA ashimira RUTSINDURA uhagarariye umuryango wa BIRASA***

Bucyeye bwaho, ku wa 09 Mutarama 2025, mu Murenge wa Kamegeri, Honorable MUKAMA Abbas ari kumwe na Bwana RUMAZIMINSI Séraphin, bafatanyije n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'uyu Murenge, Bwana NDORIMANA Jean Chrisostome gukemura ikibazo cy'amakimbirane ashingiye ku kibanza, MUKANKUSI Berthe afitanye na NSENGIMANA Appolinaire wari umugabo we nyuma bakaza gutandukana.

Iki kibanza giherereye mu Mudugudu wa Nyarusiza, Akagari ka Nyarusiza, cyagurishijwe nta bwumvikane bubayeho.

Nyuma yo kuganiriza impande zombi, iki kibazo cyari kigiye kumara imyaka 25 cyakemutse mu buryo bwa burundu kandi zishimira uko cyakemutse.

Abaturage b'Akarere bitabiriye gahunda yo gukemura ibibazo by'amakimbirane bagejeje k'Urwego rw'Umuvunyi bigakemurirwa aho batuye, bashimye iyi gahunda n'ubuyobozi bwayishyizeho.



*Honorable MUKAMA na Visi Meya HABIMANA bafatanyije gukemura ikibazo cy'amakimbirane ashingiye ku butaka mu Murenge wa Kamegeri*

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE UMUYOBOZI WA MARGRIT FUCHS FOUNDATION KU RWEGO RW'ISI

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Umuyobozi wa "Margrit Fuchs Foundation" ku rwego rw'Isi, Madame Regula Gloor.

Yari aherekejwe na Bwana MUSONERA Frederick, uhagarariye "Margrit Fuchs Foundation" mu Rwanda hamwe na Madame MUTAKWASUKU Yvonne, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Bureau Social de Développement ikorera ibikorwa bitandukanye mu Karere.

Basuye ibikorwa byo gufasha abatishoboye kubona inguzanyo ziciriritse bagakora imishinga ibyara inyungu; guteza imbere uburezi; ubuzima n'ibindi mu Kagari ka Bwama, mu Murenge wa Kamegeri.



*Meya NIYOMWUNGERI yakiriye Madame Regula Gloor*

Margrit Fuchs Foundation ifasha kandi imiryango itishoboye kwiteza imbere uyiha amatungo magufi n'amaremare.

Ifasha kandi mu guteza imbere ubuhinzi n'ibindi.

# MUGANO- GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MU KAGARI KA YONDE



***Guverineri KAYITESI mu Nteko y'Abaturage i Yonde/ Mugano***

Ku wa 09 Mutarama 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Intara n'iy'Akarere, yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Yonde ko mu Murenge wa Mugano.

Guverineri KAYITESI yasabye abaturage b'Akagari ka Yonde gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere; kwirinda amakimbirane mu miryango; kuvugurura ubuhinzi bw'urutoki; kujya inama ku ikoreshwa ry'umutungo w'urugo; kwirinda amacakubiri n'ibindi.



***Guverineri KAYITESI yasabye abaturage ba Mugano gukora cyane***

Yabwiye abaturage ba Yonde ko ibibazo bafite birimo icy'ibikorwaremezo nk'imihanda n'amateme bidahagije bizwi kandi biri gushakirwa ibisubizo.

Yaragize ati: "Rwose ibibazo mufite birimo ibikorwaremezo nk'imihanda; amateme n'ibindi bidahagije turabizi. Hari gukorwa ibishoboka byose ngo bivugutirwe umuti."

Major General Vincent Gatama, Umuyobozi wa Diviziyo ya Kane y'Ingabo z'u Rwanda ikorera mu Ntara y'Amajyepfo yasabye abaturage ba Yonde kwirinda ubusinzi by'umwihariko birinda kunywa inzoga zituzuje ubuziranenge.



***Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo Maj. General GATAMA yasabye abaturage kwirinda kunywa inzoga zitemewe***

Muri iyi Nteko y'Abaturage, abaturage babajije ibibazo, Guverineri KAYITESI afatanya n'ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Umurenge wa Mugano kubishakira ibisubizo.

# AMAGAJU FC YATSINZE APR FC BWA MBERE MU MATEKA YAYO




*Amagaju FC yatsinze APR FC*

Ku wa 12 Mutarama 2025, Amagaju FC yatsindiye APR FC kuri Stade Mpuzamahanga ya Huye 1-0, mu mukino w'umunsi wa 15 wa shampiyona, akora amateka yo kuyitsinda bwa mbere.

Ni umukino watangiye uryoheye ijisho mu gice cya mbere.

Mu gice cya mbere cyarangiye ari 0-0, Amagaju FC nta buryo bukomeye yabonye imbere y'izamu rya APR FC, mu gihe APR FC yabonye uburyo bubiri.

Umunya-Ghana Dauda Yussif ku munota wa 32, yacenze abakinnyi batatu b'Amagaju FC mu kibuga hagati maze aha umupira mwiza Ruboneka Bosco wari mu rubuga rw'amahina arebana n'izamu, ariko ntiyashobora kuriteramo ahubwo aha umupira Tuyisenge Arsene, wateye mu izamu Amagaju FC akawushyira muri koruneri.




*APR FC yatsinzwe n'Amagaju FC*

Ku munota wa 56, ni bwo Ndayishimiye Edouard yatsindiye Amagaju FC igitego cya mbere.

Ku munota wa 57, APR FC yahise igerageza uburyo bukomeye ku ishoti Ruboneka Jean Bosco yatereye hanze y'urubuga rw'amahina, ariko umunyezamu Twagirumukiza Clement awushyira muri koruneri.

APR FC yari igiye ku gitutu yahise isimbuza ikuramo Dushiminana Olivier na Niyibizi Ramadhan, ishyiramo Mahmadou Lamine Bah na Kwitonda Alain Bacca.

APR FC yakomeje gushyiramo imbaraga zatuma yishyura cyangwa ikabona amanota, ariko birangira ari igitego 1 cy'ikipe ya Amagaju FC ku 0 bwa APR FC.



*Abakinnyi b'Amagaju FC bishimira igitego batsinze APR FC*

Iyi ntsinzi Amagaju FC yakuye kuri APR FC, ni intsinzi y'inyongera kuko yahuriranye n'umwaka w'ibirori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 90 Amagaju FC amaze avutse, kuko yashinzwe mu 1935.

# MU KARERE HATANGIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE KWITA KU BUZIMA BW'UMUBYEYI N'UMWANA




***Mu gutangiza icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana, abana bapimwe igwingira***

Ku wa 13 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yatangirije ku Kigo Nderabuzima cya Nyamagabe giherereye mu Murenge wa Gasaka, icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "HEHE N'IGWINGIRA: Twite ku buzima bw'umubyeyi utwite, umwana, umwangavu, imirire n'isuku, dukingiza abana inkingo zose."

Visi Meya UWAMARIYA yasabye ababyeyi kwita ku ndyo yuzuye bihatira guteka imboga; gukoresha ibikomoka ku matungo; kugira isuku no kuboneza urubyaro.

Yaragize ati: “Mugomba kwita ku ndyo yuzuye mutekera abana banyu imboga. Mugomba kandi gukoresha ibikomoka ku matungo kuko bigira intungamubiri nyinshi.”

Yabasabye kandi kugira isuku no kubyara abo mushoboye kurera.”

Mu gutangiza icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana, abana bapimwe igwingira; bahabwa ikinini cy'inzoka ndetse bagaburirwa indyo yuzuye.

Icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw’umubyeyi n’umwana, cyatangiye ku wa 13 gisozwa ku wa 17 Mutarama 2025.




***Abana bahawe ibinini by’inzoka***

Muri iki cyumweru hibanzwe ku bikorwa byo gukurikirana imikurire y’abana; gutanga ibinini by’inzoka zo mu nda ku bana n’abantu bakuru; gutanga serivisi zo kuboneza urubyaro; gutanga ubutumwa bwo kwirinda indwara ya Malariya n'ibindi.



***Visi Meya UWAMARIYA aho umwana indyo yuzuye***

# AKARERE KAKOREWE ISUZUMA KU BYAKOZWE MU RWEGO RWO GUKEMURA IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE



***Akarere kakorewe isuzuma ry'ibyakozwe mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage***

Ku wa 15 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, yakiriye abagize itsinda rishinzwe gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage ku rwego rw'igihugu ryari rije mu isuzuma.

Iri tsinda ryari riyobowe na Colonel Séraphine NYIRASAFARI, ryabanje kwerekwa ishusho y'aho Akarere kageze gakemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025, nyuma risura bimwe mu bikorwa biherereye mu Murenge wa Kitabi.

Iri tsinda ryagenzuye isuku muri GS Kitabi, mu Kigo Nderabuzima cya Kitabi, ku biro by'Akagari ka Kagano no muri santeri y'ubucuruzi ya Kitabi.

Muri uyu Murenge kandi ryasuye inzu yubakiwe umuturage n'indi yasanwe.



***Hasuzumwe isuku muri GS Kitabi***



***Hasuzumwe isuku muri CS Kitabi***



***Muri CS Kitabi hasuzumwe isuku yo mu bwiherero***

# ABADEPITE BO MURI KOMISIYO Y'INGENGO Y'IMARI N'UMUTUNGO BY'IGIHUGU BASUYE AKARERE



*Abadepite bo muri Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo w'Igihugu basuye Akarere*

Ku wa 16 Mutarama 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, bakiriye itsinda ry'Abadepite bo muri Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo by'Igihugu ryari riyobowe na Honorable TUMUSHIME Francine.

Aba Badepite bari baje muri gahunda isanzwe y'Inteko Ishingamategeko yo gukurikirana ibikorwa bya Guverinoma.

Barebye uko ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 iri gukoreshwa; banareba kuri gahunda y'itangwa ry'amasoko ya Leta n'imbogamizi zihari n'uburyo zavanwaho.

Barebye kandi uko ingengo y'imari igenewe iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ikoreshwa n'uko imisoro y'Akarere yinjiye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025.

Nyuma basuye ahategurirwa ingemwe za kawa mu Murenge wa Cyanika; ubuhunikiro bw'imyaka buherereye mu Murenge wa Gasaka na UNICCOPAGI, Koperative itubura imbuto y'ingano na yo iherereye mu Murenge wa Gasaka.



*Abadepite basuye ahategurirwa ingemwe za kawa mu Murenge wa Cyanika*



*Abadepite basuye ubuhunikiro bw'imyaka buherereye mu Murenge wa Gasaka*



*Ubu buhunikiro bw'imyaka burimo ibishyimbo*

## MU KARERE HATANGIJWE AMARUSHANWA “UMURENGE KAGAME CUP”




***Amarushanwa Umurenge Kagame Cup yatangijwe ku rwego rw’Akarere***

Ku wa 17 Mutarama 2025, Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yatangirije kuri Stade Nyagisenyi, amarushanwa “Umurenge Kagame Cup” ku rwego rw'Akarere.

Visi Meya HABIMANA yibukije abakinnyi n’abafana bari bitabiriye iyi mikino ko irushanwa "Umurenge Kagame Cup" rigamije kwimakaza imiyoborere myiza mu gihugu.

Ku rwego rw’Akarere, aya marushanwa yatangijwe n'umukino w'umupira w'amaguru mu bagabo wahuje Umurenge wa Gasaka n'uwa Kamegeri.

Kuri iyi tariki kandi, amarushanwa Umurenge Kagame Cup yatangijwe mu Mirenge yose igize Akarere.



***Visi Meya HABIMANA asuhuza abakinnyi***

Umurenge Kagame Cup, ni irushanwa rihuza amakipe y’abaturage mu nzego z’ibanze buri mwaka mu mikino itandukanye irimo umupira w’amaguru; imikino y’amaboko “Volley-ball na basket-ball”; imikino ngororamubiri; imikino y’abafite ubumuga; umukino w’amagare; imikino gakondo nko gusimbuka urukiramende no kubuguza. Iyi mikino ihuza amakipe ahagarariye Imirenge kuva ku rwego rw’Akarere kugeza ku rwego rw’Igihugu.



***Ku rwego rw’Akarere, amarushanwa Kagame Cup yatangijwe n’umukino wahuje Umurenge wa Gasaka n’uwa Kamegeri***

Irushanwa ‘Umurenge Kagame Cup’ ryatangiye mu mwaka wa 2006, ritangira ryitwa «Irushanwa ry’Imiyoborere Myiza» hagamijwe kwimakaza amahame y’imiyoborere myiza.



***Visi Meya HABIMANA ahereza umupira abakinnyi***

# MBAZI- VISI MEYA HABIMANA YIFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA MUTARAMA 2025



*Visi Meya HABIMANA mu Muganda Rusange usoza Mutarama 2025*

Ku wa 25 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Mbazi by'umwihariko abo mu Kagari ka Manwari, mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Mutarama 2025.

Batunganyije umuhanda w'umugenderano wo mu Mudugudu wa Kigarama.

Visi Meya HABIMANA yasabye abitabiriye uyu Muganda Rusange kwitegura neza umunsi wo kwizihiza Intwari z'Igihugu wabaye ku wa 01 Gashyantare 2025; kugira uruhare mu gucunga umutekano barushaho kwitabira kurara amarondo; kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibiyishamikiyeho byose no kwirinda kwangiza ibidukikije.

Yabasabye kandi kwirinda kwenga no kunywa inzoga zitemewe.



*Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage ba Mbazi kwirinda kunywa inzoga zitemewe*



*Abakuze bapimwe indwara zitandura*

# AKARERE KAKIRIYE ABADEPITE BAJE GUSURA IBIKORWA BITEZA IMBERE ABATURAGE



***Meya NIYOMWUNGERI yakiriye Abadepite basuye Akarere***

Ku wa 26 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere n'abandi, bakiriye Abadepite basuye Akarere mu rwego rwo kureba ibikorwa biteza imbere abaturage.

Iri tsinda ryari rigizwe na Honorable AYINKAMIYE Spéciose (Umuyobozi waryo), Honorable MUNYANDAMUTSA Jean Paul na Honorable TUMUKUNDE Aimé Marie Ange.



***Abadepite basuye ibikorwa biteza imbere umuturage birimo Ikigega BDF***

Mu gihe cy'iminsi 8 bamaze mu Karere, barebye uko ibibazo abaturage b'Akarere babagejejeho mu ngendo rusange ziheruka byakemuwe.

Barebye kandi uko guteza imbere imibereho y'abaturage binyuze muri gahunda ya VUP byifashe, aho basuye bamwe mu bahawe inguzanyo binyuze muri iyi gahunda.

Barebye kandi uko gahunda yo kugeza imari ku baturage hifashishijwe ibigo by'imari bimwe na bimwe nka SACCO n'imishinga yishingirwa n'Ikigega gishinzwe guteza imbere imishinga mito n'iciriritse (BDF) byifashe, aho basuye bamwe mu bafite imishinga yishingiwe n'iki Kigega.

Basuye kandi amatsinda yo kwiteza imbere (ibimina) na za koperative, bareba uko bifasha abaturage mu kwiteza imbere.



***Abadepite bagiranye ibiganiro n'abaturage bo mu Mirenge itandukanye***

Mu bindi barebye, harimo uko ibibazo bishingiye ku makimbirane mu miryango bikemurwa n'ingamba zashyizweho mu kubikumira n'uko abaturage b'Akarere baharanira Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**

**www.nyamagabe.gov.rw**